DIYOSEZI YA KABGAYI
COLLÈGE SAINT-JEAN NYARUSANGE
B.P 101 GITARAMA / MUHANGA

E-mail: Collègesaintjeannyarusange@gmail.com
Website: www.Collègesaintjeannyarusange.com
Tel: 0783531917 (HT); 0783186422 (Discipline); 0788495702 (Secretary), 0783011573 (Bursar), 0788373953(DOS)

# BABYEYI

Ku Babyeyi bose barerera muri Collège Saint-Jean Nyarusange n'abandi mwese mwifuza kuharerera mu mwaka w'amashuri wa 2025/2026;

Babyeyi,

1. Umwaka w'amashuri wa 2024/2025 turawusoje. Uyu mwaka wagenze neza muri rusange. Turashimira Imana kuko yatubaye hafi. Turashimira kandi ababyeyi, abarezi, abanyeshuli n'abandi bose bagize uruhare mu migendekere myiza y'uyu mwaka.

2. Muri iki gihe cy'ibiruhuko bisoza umwaka w'amashuri wa 2024/2025, muzafashe abana kuruhuka, kuko babikeneye; muzanabibutse ariko no gusubira mu masomo yabo kandi aho bishoboka muzabibafashemo.

3. Ku bijyanye na gahunda y'umwaka w'amashuri wa 2025/2026, tuzakurikiza gahunda izatangazwa na Minisiteri y'uburezi igihe nikigera.

4. Turongera kubibutsa ko amafaranga ya ticket ijyana umwana mu biruhuko no kwishyura udukoresho yaba yarafashe ku ishuri yitwa Caution, angana na 10000 Frs, azajya atangwa buri gihembwe, anyujijwe kuri compte y'ishuri, ariko agatandukanywa n'amafaranga y'ishuri; ni ukuvuga ko yishyurwa ukwayo, hanyuma umwana akaza ku ishuri yitwaje bordereau yayo. Umubyeyi ashobora no kwishyura arenze icumi ariko yose akishyurwa kuri ubu buryo. Tuributsa ko nta mubyeyi wemerewe guha umwana amafaranga mu ntoki, bivuze ko nta n'umwana wemerewe gutunga amafaranga ku ishuri. Tuributsa kandi ababyeyi bamwe na bamwe batumva iyi ngingo maze bakemerera abana kuzana amafaranga, cyangwa bakayabazanira kuri visite rwihishwa, ko batadufasha kurera ahubwo ko baba bashyigikira abana mu makosa. "Uwiba ahetse aba abwiriza uri mu mugongo". Ibindi umunyeshuli atemerewe ku ishuli ni: telephone, radio, gusiga inzara no kuzitereka, amaherena, ibikomo, gutereka umusatsi, gupfumura amatwi ku bahungu.

5. Turabibutsa ko isaha ya nyuma yo kugera ku ishuli ku munyeshuri uvuye mu biruhuko cyangwa mu rugo kubera indi mpamvu (yarahawe uruhushya) ari saa kumi n'imwe zuzuye (17h00').

6. Umwambaro w'ishuri ni: Ipantalo cyangwa Ijipo bya kaki, Ishati y'ubururu bwera, Inkweto z'umukara, Amasogisi y'umweru, Umupira w'imbeho w'umukara gusa kandi wanditseho izina ry'umunyeshuli gusa. Uniforme igurirwa ku ishuri uretse umupira w'imbeho w'umukara gusa umunyeshuli yizanira.

7. Ku babyeyi bifuza kurerera muri Collège Saint-Jean Nyarusange mu mwaka w'amashuri wa 2025/2026, turabamenyesha ko tubafitiye imyanya mu mwaka wa 1 (S1), mu mwaka wa 4 (S4) mu mashami ya: MATHS AND SCIENCES (Stream 1 & 2), ARTS AND HUMANITIES; mu mwaka wa 5 (S5): PCB na HGL. Tuzatangira kwandika amanota y'abanyeshuli basoza amashuli abanza n'ikiciro rusange cy'amashuli yisumbuye agisohoka. Uwo murimo uzajya ukorerwa ku cyicaro cy'ishuri mu masaha y'akazi. Muri Collège Saint Jean, twakira abahungu n'abakobwa kandi abana bose bacumbikirwa n'ishuri mu kigo. Uwifuza kwiyandikisha yitwaza Urupapuro rw'amanota y'ikizamini cya Leta rugaragaza ko umunyeshuli yatsinze cyangwa indangamanota y'umwaka arangije, akuzuza ifishi igaragaza umwirondoro n'andi makuru yose ya ngombwa ku mwana n'amafaranga ibihumbi bitanu (5000 Frs) yo kwiyandikisha. Mwanahamagara kuri: 0783531917; 0783186422; 0788495702; 0788600556; 0788373953.

8. Imyenda ya sport bazajya bayisanga ku ishuli kandi yishyurwa muri minerval.

9. Mu gihembwe cya mbere gusa buri munyeshuli yitwaza ipaki y'impapuro (A4).

10. S4 MATHS AND SCIENCES (Stream1 & 2) bitwaza itaburiya y'umweru yo kujyana muri Laboratory.

Mbifurije mwese umugisha w'Imana.

No: 217/121826/1/5101/0 = GT BANK
No: 4073200078039 = EQUITY
No: 00056-00001295-22/ RWF= B.K
No: 441-3724289-11= BANQUE POPULAIRE (Ku mu agent ntibyemewe)
No: 03103973= RIM Ltd
No: 02434120008= Bank Of Africa
School GEAR: *700#

**AMAFARANGA N'IBIKORESHO BISABWA UMUNYESHURI URERERWA MURI COLLÈGE SAINT-JEAN NYARUSANGE UMWAKA W'AMASHURI 2025/2026**

**A. AMAFARANGA ASABWA**

1. Amafaranga yose asabwa umunyeshuri akubiyemo ibi bikurikira:

- Minerval + Home ( atangwa buri gihembwe)
- Umusanzu w'ikigega cy'uburezi gatolika (atangwa rimwe ku mwaka)
- Ikoranabuhanga;
- Ikarita y'ishuri (1 mu mwaka );
- Gukodesha Matelas (atangwa buri gihembwe)
- Kwiyogoshesha no kudodesha (atangwa buri gihembwe)
- Ibikoresho byo ku meza (1 mu mwaka );
- Ubwishingizi bw'ubuzima (rimwe mu mwaka)
- Infirmerie (atangwa buri gihembwe)
- Ikarita ya Visite ihabwa umubyeyi (1 mu mwaka);
- Umwambaro w'ishuri: 53 000 Frw: Ipantalo (8000) × 2 cg ijipo (8000) × 2; amashati (6000) ×2; Lacoste (10000), Imyenda ya sport (15000) cyangwa 18000 ku bifuza amapantalo ya sport. Ibi bireba abanyeshuri bashya n'abandi bigaragara ko badafite umwambaro w'ishuri.

## Dore uko minerval y'umwaka w'amashuli wa 2025/2026 iteye:

**IGIHEMBWE CYA 1:**

- **Umunyeshuri usanzwe muri Collège arasabwa amafaranga**: 210000 Frw (=Minerval + Gukodesha matelas + Kwiyogoshesha no kudodesha + Ubwishingizi bw'ubuzima + Umusanzu w'ikigega cy'uburezi gatolika + Imfirmerie + Ibikoresho byo ku meza + Ikarita y'ishuli + Ikarita ya visite).

- **Umunyeshuri mushya arasabwa amafaranga**: 263000 Frw (=Minerval + Umwambaro w'ishuli + Ikoranabuhanga + Gukodesha matelas + Kwiyogoshesha no kudodesha + Ubwishingizi bw'ubuzima + Umusanzu w'ikigega cy'uburezi gatolika + Infirmerie + Ibikoresho byo ku meza + Ikarita y'ishuli + Ikarita ya visite.)

**IGIHEMBWE CYA 2:**

- Umunyeshuri asabwa= 220000Frs (=Minerval + Gukodesha matelas + Kwiyogoshesha no kudodesha + infirmerie + Umunsi mukuru w'ishuri)

**IGIHEMBWE CYA 3:**

- Umunyeshuri asabwa= 210000Frs (=Minerval + Gukodesha matelas + Kwiyogoshesha no kudodesha + infirmerie + School magazine).
- Abanyeshuri biga muri S3 na S6= 210000 Frs + 15000 Frs (Kunganira ishuli mu kubatunga mu gihe cy'ibizamini bya Leta) = 225000 Frs

**Icyitonderwa :**

*Buri gihembwe hishyurwa amafaranga 10000 ya caution ari yo avamo itike icyura umunyeshuri agiye mu biruhuko, no kugura udukoresho akenera ku ishuri. Asagutse arayasubizwa.

- Amafaranga yose anyuzwa kuri Banki, kuri imwe muri Konti z'ishuri zatanzwe haruguru ;
- Umwana wese aza yitwaje ikarita y'ubwishingizi mu kwivuza (Mutuelle de santé cg ubundi bwishingizi) ;
- Umwambaro w'ishuri ugurirwa ku ishuri gusa kandi ukaba ufite nomero y'umunyeshuri cyangwa yanditseho izina rye. Ibi bireba n'abanyeshuri basanzwe muri Collège Saint Jean Nyarusange igihe cyose bigaragara ko umwambaro bafite udakwiye;
- Abanyeshuri bose b'abahungu barasabwa kuzana mare yo kubikamo ibikoresho; ni ukuvuga ko ibikapu bisanzwe cyangwa valise bitemewe, keretse udukapa duto batwaramo ibikoresho bikeya baruhutse hagati mu mwaka. Abahungu kandi bazana indobo y'icyuma.

**B. IBINDI BIKORESHO UMUNYESHULI YITWAZA:**

- Amakayi manini (nibura 20) n'amakaramu ahagije ;
- Umupira w'imbeho w'umukara (Jampa) gusa kandi wanditseho amazina y'umunyeshuli gusa;
- Ikayi nini umwana yandikamo ibyo yasomye ;
- Igitambaro cy'amazi ( Essui-main );
- Boite Mathematicale ; Calculatrice
- Inkweto z'umukara, ngufi kandi zifunze zo kwigana, (nibura imiguro 2 ),
- Tableau periodique ; amasogisi y'umweru (nibura imiguro 4);
- Amashuka (2 paires), ikiringiti na Couvre-lit ;
- Isaha yo kwambara ku kaboko;
- Inzitiramibu (supernet) ;
- Imyambaro yo kurarana ;
- Inkweto za sport ;
- Indobo : abahungu bo bazana indobo z'ibyuma;
- Impapuro z'isuku (zihagije) + Cotex ku bakobwa (zihagije).
- Itaburiya y'umweru kuri S4 (Maths & Sciences).

Bikorewe i Nyarusange, kuwa 15 Nyakanga 2025

Padiri Sixbert BYINGINGO
Umuyobozi wa Collège Saint Jean Nyarusange